Uri ku kigenderwaho ajye asuhuza ugenda n'amaguru, n'ugenda n'amaguru asuhuze uwicaye, n'abacye bajye basuhuza abenshi

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uri ku kigenderwaho ajye asuhuza ugenda n'amaguru, n'ugenda n'amaguru asuhuze uwicaye, n'abacye bajye basuhuza abenshi." Bukhari nawe yakiriye imvugo igira iti: "Umuto ajye asuhuza umukuru, n'utambutse asuhuze uwicaye, n'abacye basuhuze abenshi."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratwerekera imyifatire yo gusuhuzanya hagati y'abantu ariyo igira iti: "A-SALAM ALAYKUM WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH: Amahoro ya Allah n'impuhwe ze ndetse n'imigisha ye bibabeho." Bityo umuto aba akwiye gusuhuza umukuru, uri ku kigenderwaho agasuhuza ugenda n'amaguru, n'uri kugenda n'amaguru agasuhuza uwicaye, n'abacye bagasuhuza abenshi.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/4243